BCA
Avons-nous fait un autre rapport ?

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YABEREYE I GITARAMA KUWA 25 KAMENA 1984. IYOBOWE NA NYAKUBAHWA BWANA MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE.

IYO NAMA YASUZUMYE IKIBAZO CY'URUBYIRUKO N'ICYA ZA KOPERATIVE.

A traiter par .....
Date entrée : 20/9/84
N° Classement : 6141/B.84

Inama yahuje: - Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no gutsura za Koperative na bamwe mu bamufasha bali bamuherekeje.
- Milita Prefe wa Prefegitura
- Milita Suprefe wa Suprefegitura Ruhango
- Milita Suprefe wa Prefegitura (BUSE)
- Milita Burgmestri wa Komini (BUSE)
- Milita Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo i Gitarama
- Milita Subusititi wa mbere wa Prokireli mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo i Gitarama
- Milita Umugenzuzi w'Ubucuruzi i Gitarama
- Milita Umugenzuzi w'Imisoro i Gitarama
- Milita Agronome wa Prefegitura Gitarama
- Milita Encadreur w'Urubyiruko n'Imikino i Gitarama
- Milita Veterineri wa Prefegitura Gitarama
- Milita Umugenzuzi wa za Koperative i Gitarama
- Ba Milita Encadreur ba za Koperative
- Ba Milita Encadreur b'Urubyiruko n'imikino
- Ba Milita bagize Ibiro by'abuyobozi muli za Koperative zahawe ubuzima-gatozi cyangwa zili mu nzira zo kububona (Prezida, Vice-Prezida, Umwanditsi n'umubitsi).

Mbere y'uko inama itangira, kugira ngo kandi imilimo yayo ishobore gutungana, Milita Prefe yafashe ijambo abanza kumenyekanisha abali bayiteraniyemo.
Yakomeje ashimira Nyakubahwa Bwana Ministri n'abafasha be bali bamuherekeje kuba bigomye imilimo myinshi ibagomba bakiyemeza kuyobora iyo nama. Koko rero bahuje n'isyifuzo cya Repubulika ya Kabili kivuga ko abayobora n'abayoborwa bagomba guhura kenshi.
Yakomeje kandi yerekana ikizere n'ibyishimo kubera ibitekerezo bali bungure abali bateraniye mu nama.
Yakomereje ku ngingo zali busuzumwe alizo: Urubyiruko na za Koperative.

.../...

Ku byerekeye urubyiruko

Milita Prefe yagejeje kuli Nyakubahwa Ministri umubare w'urubyiruko rwarangije amashuli abanza. Rufashijwe n'ubutegetsi, rwashoboye kwiga i ikino imwe n'imwe n'ubukolikoli. Yamushimiye rero iyo nkunga kandi anizera ko bizakomeza. Hali urubyiruko rudakora aliko nabyo byarahagurukiwe kurwanywa.
Yakomeje avuga ingorane ziboneka mu gufasha urwo rubyiruko, ibigo byarwo bimwe birashaje cyangwa se ntibyuzuye, ibindi nta bikoresho bifite ndetse n'abalimu barabura. Yifuje rero ko izo ngorane zabonerwa umuti. Selire y'abakozi ba Leta i Gitarama nayo ifite urubyiruko aliko rugira ingorane yo kubura aho rwidagadulira. Yifuje ko bishobotse habaneka ibikoresho byo kubaka ikibuga cya "basket-ball" na "volley-ball".

Ku byerekeye Koperative

Milita Prefe yagejeje na none kuli Nyakubahwa Ministri umubare wa Koperative zili muli Gitarama n'umutungo wazo. Hali kandi izidakora neza zenda gusenyuka. Hali kandi Banki z'Abaturage hamwe na Silo. Izo Koperative nazo zihura n'ingorane: Kunyereza umutungo, ubwumvikane budahagije, ubutaka buke ndetse n'abayobora Koperative babura uko bazigeraho.
Ikindi kandi Banki z'Abaturage ziracyali nkeya kandi na silo zibura amafranga yo gutangira (fond de roulement).
Yasabye ko izo ngorane zabonerwa umuti ndetse no ku rwego rwa Ministeri hakaba umugenzuzi wa Koperative kuko uwo kuli Prefegitura wenyine ntabwo ahagije.
Ingorane zose ntawazivuga, yavuze ibyali ngombwa kandi ni ugukomeza gukora uko bashoboye, ibinaniranye bagasaba imfashanyo Ministeri.
Milita Prefe yongeye gushimira cyane Nyakubahwa Bwana Ministri, amwizeza ko inama ili butangwe izakulikizwa. Yanamusabye kandi gutangira inama.

Mu ijambo Nyakubahwa Bwana Ministri yavuze, yabanje gusuhuza abali mu nama, avuga ko inama nk'iyo ziba zigamije kungurana ibitekerezo, kureba niba ibikorwa bihagije kugira ngo imilimo igende neza kurushaho.
Umukuru w'Igihugu yasabye ko Ministeri yarushaho guhura n'izindi nzego kugira ngo umulimo wo kugenga urubyiruko ugende neza. [illegible] Ministeri ntiyarangiza imilimo ishinzwe idafatanyije n'abandi, urubyiruko kandi rureba bose kimwe na za koperative. Abali mu nama bali burebere hamwe imigambi biyemeza kugira ngo ubutaha bazayiheroho bareba icyo bagezeho.

.../...

Ibibazo by'urubyiruko

Ibibazo by'urubyiruko ni byinshi kuko narwo ali rwinshi. Ni u Rwanda rw'ejo rudafite isambu igaragara, rudafite akazi, imico ihinduka bivanze n'ubunebwe ndetse n'ubushake bwo gukira vuba. Bigaragara cyane mu mijyi no muli twa centre utetse ko no kubohereza mu giturage atali umuti w'ibibazo biliho.

Ministeri yahawe rero umulimo wo kwigisha urwo rubyiruko

- Guhinga no korora kijyambere
- Guhuliza hamwe ibikorwa n'ibindi byose bya ngombwa kugira ngo urwo rubyiruko rubone icyo rukora. Iryo yigishwa likorerwa mu bigo Ministeri iha programu. Ministeri ishaka kandi ko ibyo bigo byigisha umwuga, urubyiruko rukawumenya rwose bigaragara atali ukubeshya mu magambo gusa. Niyo mpamvu rero ubukene bw'ibyo bigo bugomba kurwanywa kugira ngo ababibamo bashobore kugira imusaruro uhagije watuma ibisigaye byose babyikorera bifashishije uwo musaruro wabo.

Ibyo bigo kandi bigomba gukulikirana abaharangiza, atali ukubarekura ngo nibagende birwaneho. Bishobora gutera inkunga amashyirahamwe y'urubyiruko rubirangijemo.

Ngiyo programu ikwiye gukulikizwa kugira ngo amajyambere y'urubyiruko agire aho ashingiye ndetse hakaba n'icuruzwa (commercialisation) y'ibyakozwe n'amashyirahamwe y'urwo rubyiruko.

Uruhare abategetsi cyane cyane aba Komini bafite muli ibyo bibazo by'urubyiruko

Burgmestri agomba kumenya abana bagiye muli ibyo bigo, akaba yabatera inkunga mu itangira ry'ishyirahamwe ryabo. Icyakora ba Burgmestri babazwa byinshi kandin'ubukure buliho. Niyo mpamvu rero Nyakubahwa Ministri yabagiliye inama yo kubanza kwita kuli CERAI hanyuma ibigo by'urubyiruko nabyo bikazaza nyuma.

Ibigo bya Komini bigamije gutsura amajyambere no guhugura abaturage ububitsa (CCDFP) nabyo bikwiye kwitabwaho. Si iby'abantu bakuru gusa abubwo n'urubyiruko rubifitemo umwanya. Ibyo bigo bikwiye kuba ihuliro ry'urubyiruko.

Kugira ngo izo programu zigerwaho hali ingorane kandi kuzibonera umuti biterwa n'umutungo wa Ministeri. Nk'abalimu bakwigisha muli ibyo bigo by'urubyiruko bazagenda bashakwa buhoro buhoro.

Ibikoresho nabyo bitabonetse, nta kuntu iyo programu yagerwaho. Aliko nanone ibikoresho bimwe na bimwe urwo rubyiruko rugomba kubyikorera uretse ko rugomba kubona ibikoresho by'ibanze. Bizagenda rero bishakwa nabyo buhoro buhoro. Nyakubahwa Ministri yashimiye kandi Milita Prefe igitekereze yageze cyo gutumira bamwe mu bakuru b'imilimo kuko abantu bose bagomba gufatanya. Yageze no ku by'ubuhinzi, avuga ko ubuhinzi bugomba kubugururwa, bukitabwaho kuko alibwo butunga Abanyarwanda benshi.

.../...

Imishinga izamura uburere rero ikwiye gushyigikirwa, urubyiruko rukayisobanulirwa rukagana za Koperative.

Ibibazo bya za Koperative

Koperative ni inzira yatuma Abanyarwanda barwanya inzara, ubufatanye ni ngombwa ndetse buli muntu wese arabukenera mu kintu cyose ashaka kugeraho.

Ucanga icyakora abantu bavuga ko ama Koperative yananiranye. Abagengamali bazo barazisahura aliko sicyo cyatuma zivaho kuko zigilira abatugage akamaro. Ahubwo indwara zilimo nizoz zikwiye kurwanywa.

Izo ndwara ni izi: - Kunyereza umutungo, abantu ntibakulikirana ibyabo, ntibakulikize umugambi, amategeko baba bihaye mbere yo gukora Koperative.
- Limwe na limwe imishinga ikorwa iba itizwe neza. Nko kubumbira amatafali ahantu imodoka idashobora kugera ngo iyatunde.
- Itegeko rya kera kigenga Koperative niryo likiliho kandi lirazibongamira.
- Kubura amafranga y'ifatizo.
- Gukulikirana ama Koperative (encadrement) ntabwo bihagije.

Umuti washakwa: - Abanyamuryango bajijukirwa, bakamenya uko bagomba gukulikirana ibyabo.
Koperative nyinshi ntizizi gukora "bilan" ngo zirebe inyungu yazo, ugasanga imibare yazo idasobanutse ngo igaragare.
- Kujijura abanyamuryango (amahugurwa)
- Ministeri y'urubyiruko no gutsura za Koperative yabonye ububasha bw'uko abakozi bayo bo kuli Prefegitura bakulikirana umutungo wanyerejwe. Icyakora sicyo bashinzwe gusa, bagomba no kumenya gukangura urubyiruko, bakarukulikirana.
- Kubaho ko gusura za Koperative na Prekoperative kwa Ministeri ndetse ikanabafasha kwiga imishinga, bakabagira inama.
- Itegeko rya kera naryo lilimo guhindurwa ndetse banatekereje kohereza Milita Prefe uwo mushinga kugira ngo afatanyije na kamwe mu bandi bakozi barebe icyo bakongera mu itegeko lishya.
- Hagomba ubwumvikane n'ubufatanye, abayobozi ba Koperative bakagenzura abantu batera umwuka mubi mu bandi, abatera intugunda muli Koperative bavamo bagasimburwa n'abandi.

. . . . . .

Nyakubahwa Ministri yakomeje avuga ko urubyiruko rugomba kugira uburere bwiza rugomba guhabwa n'ababyeyi babo kuko no mu bigo bibigisha, byisuga ubwo burere.

Hakulikiyeho umwanya w'ibibazo.

Habanza ibyerekeye urubyiruko alibyo by'ibi bikulikira.

I. Umwe mu bali mu nama, akulikije ko ku rwego rwa Prefegitura Suprefegitura na Komini hali abahagaraliye Ministeri y'Urubyiruko no gutsura za Koperative babili yabajije nibą aliko bizagumya kumera cyangwa se niba hazajyaho umwe.

Nyakubahwa Ministri yamushubije ko icyo kibazo cyasuzumwe hamwe n'aba Prefe, bagasanga ku rwego rwa Prefegitura n'urwa Suprefegitura haba umwe akagira umwungilije (abafasha) aliko ku rwego rwa Komini, kubera amikoro make yazo, kugira ngo zishobore guhemba abo bakozi, zazabyiga. Icyakora ibyiza ni uko habaho umwe akagira abafasha.

2. Gushyira urubyiruko mu bigo bya komini bigamije gutsura amajyambere no guhugura abaturage ubutitsa ni byiza aliko Komini ihura n'ingorane z'ibikoresho.
Habajijwe niba hali imfashanyo Ministeri yateganije.
Nyakubahwa Ministri yashubije ko abanyarwanda bose basenyera umugozi umwe, ibikoresho bihali byatangwa.

3. Hali igihe Komini ishaka kubaka ikigo cyo kwigishilizwamo urubyiruko aliko ikifata. Ministeri ifitemo uruhe ruhare?
Ese hali plan igomba gukulikizwa mu kubaka ibyo bigo?
Nyakubahwa Ministri yashubije ko hali amabwiliza yerekeye uko ibyo bigo bigomba kubakwa kugira ngo abubaka hirya no hino boye kurya amafranga y'abanyarwanda bababeshya.
Naho ibyerekeye uruhare Ministeri ifite muli ibyo bigo, Komini ni ukwigira ubundi Ministeri ikayifasha ikulikije amikoro yayo.
Igihe Komini ibona itihagije, ibona na Ministeri ntako imeze, yakomeza CERAI na CCDFP bigakomera mbere yo gushyiraho icyo kigo.

4. Ministeri iteganya iki mu gufasha urubyiruko rurangij muli ibyo bigo?
Ministeri iteganya yashakira ibikoresha by'ifatizo abana barangije muli ibyo bigo bashaka gukora amashyirahamwe, icyakora abo bana bagomba kubyishyura kugira ngo bishobore gutizwa abandi nabo babikeneye.

5. Ministeri ifite iyihe programu yo kugena abalimu bo mu bigo by'urubyiruko na za [illegible]
Biterwa n'abasohoka mu mashuli abyigisha, icyakora Ministri yavuze ko yasabye Ministri w'Amashuli Abanza n'Ayisumbuye kujya [illegible] ho mu barangije. Buhoro buhoro rero bazagenda biyongera.

.../...

6. Ikibazo cy'uburere bw'abana bananiranye, ckera habagano ibigo ngorora-mico. Ubu se biracyaliho?
Ibyo bigo biracyaliho, aliko kera bashyiragamo abana bararuje mu mujyi bose, none ubu barabararuza, babafite iwabo bakabohereza yo, Burgmestri na encadreur bakabakulikirana. Abadafite epfo na ruguru bakaba alibo bajyanwa muli ibyo bigo. Nyakubahwa Ministri yakomeje kandi avuga ko uwo muti w'ibigo udakwiye abana bo mu cyaro, kugira ngo umwana utarageza ku myaka I8 abe ikigomeke birengeje ntibyumvikana. Ni ukugumya rero umuntu agakomakoma baguma kunanirana bakazageza ku myaka bagahanishwa ibihano byabigenewe.

7. Ikibazo cy'amahugurwa, hali igihe ba encadreur barengana kuko baba batazi icyo bagomba gukora kandi n'ayo mahugurwa nayo amara igihe gito.
Iyo programu yo guhugura izakomeza ndetse n'igihe balimo kwiga ukuntu cyakongenwa.

Umwe mu ba Burgmestri yavuze ingorane bahura nazo, abakozi bo mu zindi service bakora muli Komini bashaka kwihisha. Ubutegetsi bwayo kuko baba bazi ko bafite Ministeri yabo ibategeka, bagashaka ko Burgmestri atagira icyo avuga.
Yasabye rero Nyakubahwa Ministri ko icyo kibazo cyasuzumwa nyabyo ndetse byashoboka abo bakozi baganembwa na Komini.
Milita Prefe yongeyeho ko abo bakozi baba bashaka gucika igenzura rya Burgmestri kuko baba bizeye ko ababategeka batabona uko bamenya imyifatire yabo. Mu by'ukuli rero ntibashaka ko Burgmestri agira uburenganzira bwo kugenzura kuko n'ubundi siwe uba amuha ibyo gukora. Icyakora ab'encadreur bagengwa na Komini nta kibazo bateye; ahubwo ikibazo kili ku bakozi bitwa ngo bahembwa na Ministeri. Yasabye rero nawe Nyakubahwa Ministri ko icyo kibazo cyazigwa mu nama zo hejuru.
Kuli icyo kibazo, Nyakubahwa Ministri nawe yagize icyo avugaho:
Yabwiye abali mu nama ko umukozi ukora muli Komini agomba gukorana, gufatanya na Burgmestri, niyo mpamvu ndetse byaba byiza Burgmestri agize icyo avuga kuli "cote" y'abo bakozi.
Yasabye kandi umugenzuzi wa za Koperative ko igihe abonye ikitagenda naza muli Komini, agomba kubimenyesha Prefe noneho akaba aliwe ucyikemulira na Burgmestri kuko aliwe umukoresha.
Milita Prefe yasabye kandi Nyakubahwa Ministri kumvikana na Ministeri ireba iby'uburezi, bakarushaho kongera "sensibilisation" mu mashuli kuko abana biga mu mashuli makuru bigira akali aha kajyahe, bakanga gukora kandi bagombye kumenya ko umulimo ali ngombwa cyane cyane kubasemererwa ndetse n'abarangije bagombye kumenya undi mulimo, b[illegible] bawifashisha igihe badashoboye gukora ibyo bigiye.

.../...

Hakulikiyeho ibibazo byo kuli za Koperative

Habazwa ibibazo ku bulyo bw'ihaliye bwa Koperative iyi n'iyi, aliko ibibazo by'ingenzi ni ibibazo rusange ali byo by'ibi bikulikira:

1. Ku byerekeye kunyereza umutungo, abanyamulyango batera ubayobora ujijutse. Niwo rero unyereza wa mutungo.
   Iyo gihe byagenda bite? Yaregwa gute?

   Iyo gihe "Assemblée" ikora inama, igatora abandi bayobozi ba Koperative bakaba alibo bakulikirana abo banyereje umutungo mu izina ry'abanyamulyango bose. Iyo "Assemblée" kandi igomba guterana inshi, ikareba uburyo bwo guhemura ibibazo mu rwego rwayo.

2. Hali isanduku iguliza za Koperative, ese nta kuntu Ministeri y'y'Urubyiruko no gutsura za Koperative yateganya buli mwaka kuli buli Prefegitura amafranga yatera inkunga Koperative?

   Ku ruhande rw'u Rwanda, urebye ayo mafranga ni makeye. Icyakora hali abarufasha. Nyakubahwa Ministri yavuze rero ko bali bateganije kubanza gufasha CECOBM kugira ngo itere imbere. Andi mafranga yali yateganilijwe ibigega by'imyaka cyane cyane muli iki gihe izuba lyacanye. Ubwo rero ntawayaguliza Koperative, icyakora mu bihe bizaza bazaberegeza gusaranganya, bakulikije Koperative zifite ibikorwa by'ingirakamaro.

3. Koperative zifite ibigega ubu zibereye aho nta myaka ilimo. Nyakubahwa Ministri yavuze ko ibyo babitekereje, bakaba barasabye umulyango "USAID" amafranga yo kugura imyaka ikayabemerera. Igisigaye rero ni ukureba aho abanya Koperative bakura iyo myaka

4. Koperative zigira ingorane mu kubona imyaka kuko abacuruzi bashyiraho igiciro bishakiye bakaba alibo babona imyaka kuko Koperative nta burenganzira zifite bwo gucililikanya n'abaturage. Iyo ikibazo nk'icyo kivutse, abanyamuryango bagomba guterana bagashyiraho igiciro kijyanye n'igihe ibintu bigezemo.

5. Ikibazo cyerekeranye n'ubucamanza na Koperative, uguha abuhagarariye Ministeri kuli Prefegitura uburenganzira bwo gukulikirana umutungo wa za Koperative wanyerejwe ntibihagije kuko kugaruza umutungo biraruhije kandi imanza z'amashyirahamwe zikunda kuruhanya. Umwe mu bali mu nama rero yifuje ko icyo kibazo cyakwigwa ku buryo bunonosoye.
   Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo yavuze ko ntawe udashyigikiye Koperative, uwaba afite ikibazo cyo kunyereza umutungo yabivuga mu Rukiko ndetse akanabisobanura ko ali ikibazo cya Koperative hanyuma kikihutishwa.

.../...

6. Hali Koperative zikorana na Trafipro, bikorana bite? Ese ni kimwe n'izikorana na CECOBM?

Trafipro ihugura abanyamuryango b'izo Koperative kandi ikanabashakira ibicuruzwa. Izo Koperative rero ziba zisunze Trafipro. Icyakora izo Koperative zahuraga n'ingoranakuko Trafipro itakulikizaga amasezerano yabaga yagiranye nazo. Ni yo mpamvu rero zishaka guhabwa ubuzima-gatozi. Naho izikorana na CECOBM biratandukanye kuko abazigizi baba ali abanyamulyango bayo. Ikindi kandi, Trafipro ibika umutungo w'izo Koperative.

7. Ubwo hagiye kuba amategeko mashya agenga Koperative, nta kuntu mu ikorwa ryayo mu ibazwa ry'imisoro Koperative zarekwa gufatwa nk'abacuruzi?

Kuli icyo kibazo, Milita Ministri yavuze ko n'ubwo kilimo kwigwa mu rwego rwa za Koperative, bagomba kubanza kureba icyo Ministeri y'Imali n'Ubukungu ibitekerezaho.
Uwunguka wese agomba kugira icyo atanga. Ikindi kandi, ama Koperative akoze imibare yayo neza, nta kuntu yakwakwa imisoro yenda yarahombye. Koperative zimwe imibare yazo ntigaragara, ku buryo abasaba imisoro hali igihe bagomba kugereranya bakulikije indi Koperative ikora ibikorwa bimwe niyo.
Nasoreshwa kandi Koperative zifite ubuzima-gatozi, izitarabubona (Précoopérative) ntabwo zisoreshwa.
Icyakora hali ababyitwaza bakanga kwaka ubwo buzima-gatozi kugira ngo badasora niyo mpamvu Umugenzuzi wa za Koperative yasabwe kujya atanga buli mwaka listi y'abantu bafite Koperative kugira ngo ubwo bujura burwanywe.

8. Koperative zikorana na CECOBM ntizikwiye kubona ubwigenge buhagije zigakora kubwazo?

Ibyo by'ubwigenge balimo gushaka kubugeraho aliko bulinganiye. Ubuzima-gatozi bufite aho bugarukira kuko Leta ntiyareka ngo izo Koperative zigenge burundu kuko ifitemo amafranga.

9. Mu bantu bafunguwe n'imbabazi z'Umukuru w'Igihugu halimo abajura bibye Koperative, zizishyurwa zite?

Ayo ma Koperative agomba kuregera kandi akaburana indishyi yayo.

10. Amazu Trafipro yahoze ikoreramo i Kabgayi, higeze kwifuzwa ko Leta yareba icyo yayashyiramo kuko apfa ubusa. Ese bigeze hehe? Niba ntaho se nta kuntu Ministeri zabyumvikanaho noneho bakagira icyo bakoreramo?

Ayo mazu birazwi ko apfa ubusa, Trafipro yabibonye mbere isaba Canada kuyifasha. Itegereje rero igisubizo.
Icyakora bidashobotse, Leta nayo yareba icyo ishyiramo kuko yanga gupfusha ayo mazu ubusa.

.../...

Ibyo bibazo birangiye, mbere y'uko Milita Ministri asoza imilimo y'inama, Milita Prefe yaramushimiye cyane kubera ibitekerezo yali yunguye abali mu nama, yamweretse kandi ikizere kivanze n'ikifuzo cy'uko igihe cyose azajya abona akanya, yazakomeza akajya atanga inama nk'izo. Yamwijeje kandi ko inama yali yabagiliye bazagerageza uko bashobye igakulikizwa, ingorane zaboneka, bakamwitabaza.

Yongeye gushimira kandi Milita Ministri igitekerezo yagize cyo kumunyuzaho amategeko mashya agenga Koperative kugira ngo agire icyo yongeraho.

Milita Prefe yibukije kandi abali mu nama ko bagomba kwegera abo bashinzwe kuyobora, nta kwiyicalira ngo babuze uko bagira ku baturage. Yizeye rero ko bazagerageza kubihagurukira. Yasabye kandi abashinzwe ibyerekeye Koperative kugerageza kumvisha abantu icyo Koperative alicyo. Buli wese ahagurukire umulimo ashinzwe, kandi abagize Koperative bagakulikirana umutungo wabo.

Milita Ministri yongeye gufata ijambo, ageza ku bali mu nama imigambi bagombaga kuzilikana ku buryo ndetse ubutaha bazayiherahe, bakareba icyo bagezeho.

Iyo migambi ni iyi: <u>Ku ruhande rw'Urubyiruko</u>

- Abashinzwe kwigisha urubyiruko bakwiye gukaza umurego muli uwo mulimo kugira ngo baybbore koko urwo rubyiruko.
- Abakozi bo muli Komini bakwiye guhuza na Burgmestri, ntibumve ko hta ruhare abafiteho.
- Ibigo by'urubyiruko hamwe n'amashyirahamwe bikwiye gufashwa (bizageragezwa hakulikijwe amikoro ya Ministeri).
- Kubaho umukozi mukuru akagira abafasha.
- Abashinzwe urubyiruko (Ministeri, Prefegitura na Komini) bakwiye kumvisha ababyeyi kwita ku burere bw'abana babo kandi urubyiruko naryo rugomba gukora ndetse n'urwo mu mashuli.
- Muli Segiteri zose za buli Komini haba abahagaraliye urubyiruko bakorwitangira badategereje guhembwa.

<u>Ku ruhande rwa Koperative</u>

- Koperative zikwiye amafranga y'ifatizo (fond de roulement)
- Koperative zitarabona ubuzima-gatozi zikwiye kwandikwa muli Prefegitura, listi igatangwa muli Ministeri y'Imali n'Ubukungu yo igomba gutanga registre no gusoresha.
- Kwiga ukuntu muli Gitarama hajyaho ishyirahamwe ly'ama Koperative.
- Gukwiza Banki z'Abaturage kuko zikenewe.
- Amazu ya Trafipro bagerageza kureba uko yakoreshwa atagombye gusenyuka.
- Kubonera imfashanyo, kugoboka, gutera inkunga Koperative.

Yarangije inama ashimira cyane abali bayilimo ubufatanye bamweretse mu milimo ashinzwe, n'ubwo ibibazo by'urubyiruko ali byinshi, ubwo babifatanyije ni ubuhoro. Yabijeje kandi ko ibyo bazifuza ko Ministeri ibafashamo izagerageza uko ishobye.

Yizeye kandi ko imigambi bafashe izakulikizwa.

Inama yashoje imilimo yayo saa munani n'iminota mirongo ine n'itanu (14 h 45').

<u>UMUNANDITSI W'INAMA</u>

MUKANTABANA Espérance

Umukozi wa Prefegitura